

AKARERE KA RWAMAGANA

UMURENGE WA GAHENGARI

AKAGARI KA GIHUMUZA

UMUDUGUDU WA KABEZA

KOPERATIVE UMUSINGI GAHENGARI

**AMASEZERANO YO KUBAKA IKIRARO CYA KIYAMBERE CYINGURUBE NO GUSANA INZU YA
KOPERATIVE HUBAKWAMO IBIRO NA STOCK KU KIBANZA CYA KOPERATIVE.**

Aya masezerano akozwe hagati ya **Campany yitwa WELLIDING GENERAL CLEANING** ihagarariwe na NSANZINTWARI JEAN BAPTISTE wiswe Rwiyezeza mirimo mungingo zikurikira z'aya masezerano, ufite nimeru y'irangamuntu 1198980159381060 ubarizwa mu KARERE KA RWAMAGANA MU MURENGE WA GAHENGARI, watsindiye isoko ryo kubaka ikiraro no gusana inzu n'uhagarariye koperative UMUSINGI GAHENGARI, KARASIRA INNOCENT, PEREZIDA WA KOMITE NYOBOZI.

Impande Zombi zemeranyijwe ku ngingo zikurikira:

INGINGO YA 1: IMPAMVU YAYA MASEZERANO

Aya masezerano arasobanura kandi arerekana imiterere y'ubwumvikane hagati ya Rwiyezeza mirimo na perezida w'inama y'ubutegetsi ku byerekeranye no gukorera koperative umurimo wo kubaka ikiraro no gusana inzu ku kibanza cya koperative.


INGINGO YA 2: IBYO RWIYEMEZAMIRIMO YIYEMEJE GUKORA KUKIRARO.

1. Kubaka ikiraro gifite metero 10 kuri metero 5 na 50cm.
2. Gusiza kugeza kubutaka bukomeye
3. Gucukura imyobo ya cm 50
4. Kuba gifite ibyumba 10 bifite m 2 kuri m 2 buri cyumba gifite uburiro nubunywero gifite umuryango ukingishijwe Imbaho kucyumba kibanziriza ikindi hagashyirwaho Imiryango 2 umunini winjiramo ingurube nkuru umutoya winjira mukindi cyumba ibyana bicamo bigeye konka bigakorwa ku byumba bitatu.
5. Kuba gifite kolodori ifite m 1 na cm 20 kandi ikinze n'urugi.
6. Ikiraro kigomba gusakazwa amabati ya koperative . NB Agaciro kaya mabati gasimbujwe prafond izajya muri bureau kuberako itari yarashyizwe muri DAO
7. Ikiraro kigomba kuba kizengurutswe nurubaraza rwa cm 50.



8. Beton igomba kuba ikomeye kuburyo bugaragara. NB umufuka wisima ugomba kuba uvanze mungorofani eshatu zumucanga.
9. Ibyumba bigomba kuba bifite ubuhagarike bwa m1 na cm50 kandi nabyo bizengurukijwe nimbaho zegeranye kuburyo icyana cyingurube cyitacamo .
10. Icyo kiraro kigomba kuba cyubakishijwe ibiti binini bishishuye bisizwe vidanje bizengurutswe nimbaho kugeza kuri m1na cm50 zubuhagarike kandi kikubakwa kuburyo kitazatwagwa numuyaga.
11. Kugura ibikoresho byo kubaka mumafaranga yatanzwe na WORLD CONNECT angana na 553996frw akanashyikiriza Koperative inyemezabuguzi zingana nayo kugira ngo bishyikirizwe umuterankunga WORLD CONNECT. IBYO BIKORESHO BIGOMBA KUGURWA MUBURYO BURI MUNYIGO IRI KUMUGEREKA W'AYA MASEZERANO.
12. IKIRARO KIGOMBA KUBA CYASHYIKIRIJWE KOPERATIVE MUMINSI ITARENZE 15 AYA MASEZERANO ASHYIZWEHO UMUKONO.

Rwiyemezamirimo agomba Kwemerera ubuyobozi bwa koperative n'undi muyobozi wese wo muri MINISANTE n'inzego bwite za leta kugenzura ko iyi nyubako yubatswe hakurikijwe amasezerano nk'uko yagizwe hagati ya Koperative na Rwiyemezamirimo, igihe hagaragaye ko Atari kubahirizwa akagirwa inama zo kurushaho kuyanoza.



AMABWIRIZA YEREKERANYE NO GUSANA INZU HUBAKWAMO IBIRO NA STOCK


1. Gusana inzu isanzwe igakorwamo ibyumba bitatu bikoze kuburyo bukurikira :
 - Icyumba cy'inama (salle)
 - Ibyumba bibiri by'ibiro (bureau)
 - Icyumba cy'ububiko
2. Kuba salle yibiro iteye karabasuru inyuma kandi ifite prafond imbere isize irange ry'umuhondo icyemo ibyumba bibiri bifite inzugi zibiti zisize irange rya chocolat n'amadirishya ane ya metalique afite m 1,20 kuri 80cm asizwe irange rurinda umugese nirindi rya chocolat.
3. Kuba stock iteye karabasuru ~~imbere~~ n'inyuma ariko imbere iteye irangi ry'umuhondo.
4. kuba muri buri biro hubatswemo etager ifite m 2 zubuhagarike nubutambike bwa m 1.20 ikinze nurugi.
5. Kuba nk'uko byavuzwe mungingo zo hejuruinzu yose iteye igipande inyuma gifite Imvange umufuka wisima mu ngorofani eshanu zumucanga hakongerwaho karabasuru.
6. kuba ipavomye mubyumba byose.
7. .kuba ikoteye kunkingizi zamatafari no kumabuye ya foundation.
8. Kuba iteye inkingizi esheshatu zikozwe mubyuma bya 60/40 bicukuriye imyobo ya cm 40 kandi bifite amadogi abiri.
9. Gushyira ibyapa bibiri Rwiyezamezimirimo yemereye Koperative aho koperative izaba yemeranyijwe n'ubuyobozi.
10. Kuba amadirishya y'akarusho Rwiyezamezimirimo yemereye koperative ari metallique kandi angana na 1,2m kuri 80cm buri rimwe , akaba azayashyira kuri stock rimwe imbere irindi inyuma
11. Gufunga inkuta zose z'inzu
12. Kuba ibiro na salle bifite plafond.
13. Gukora amashuri aho inyubako ziri kugira ngo Rwiyezamezimirimo ashakirize koperative inyubako ihita ikorerwamo

INGINGO YA 3: IBYO UMUKORESHA YIYEMEJE

Hakurikijwe aya masezerano umukoreshe yiyemeje ibi bukurikira:

Gukurikirana ikurikizwa ry'aya masezerano

Guhemba Rwiyezamezimirimo amafaranga angana na miliyoni eshatu n'ibihumbi ijana na mirongo itanu na bibiri (3152000frws) hakuwemo amafaranga ibihumbi maganabiri na makumyabiri na bitanu 225000 angana nigiciro cyamabati ya koperative aya mafaranga akaziyongeraho 18% y'umusoro angana n'amafaranga ibihumbi Magana atanu na makumyabiri nabitandatu na maganinani mirongo itandatu



(526860frws) yose hamwe akaba angana (3152000frws) bityo Rwiyekezamirimo azirihira imisoro yose 18% na 3% .

Guhemba Rwiyekezamirimo mu byiciro bitatu (3)

• **Icyiciro cyambere kingana na 40% :**

Iki kiciro kingana n'amafaranga miliyoni imwe ibihumbi magana ane na mirongo inani na birindwi na maganarindwi na makumyabiri (1487720frws) hakubiyemo imisoro, azayahabwa amaze kumurika ikiraro cy'ingurube .

• **Icyiciro cya kabiri kingana na 40% :**

Iki kiciro kingana n'amafaranga miliyoni imwe ibihumbi magana ane na mirongo inani na birindwi na Magana rindwi na makumyabiri(1487720frws) hakubiyemo imisoro, azayahabwa amaze guca ibyumba byo muri bureau no gupavement inzu ibyumba byose(stock , bureau na salle).

• **Icyiciro cya gatatu kingana na 20% :**

Iki kiciro kingana n'ibihumbi magana arindwi na mirongo ine na bitatu namaganinani mirongo itandatu (743860 frws) hakubiyemo imisoro azayahabwa hashize ibyumweru bibiri by'igenzura nyuma yo kumurikira Koperative inyubako zose.

INGINGO YA 4: IGIHE AMASEZERANO AZAMARA

Aya masezerano azamara iminsi mirongo itatu (30) uhareye igihe yashyizweho umukono.

INGINGO YA 5: ISESWA RY'AMASEZERANO

Aya masezerano ashobora guseswa n'impande zombi ku bwumvikane, rumwe rutubahirije

Inshingano zarwo, byanarirana hakitabazwa inzego zibifitiye ububasha.

ABAGIRANYE AYA' AMASEZERANO BIYEMEJE KUYASHYIRA MU BIKORWA

WELLIDING GENERAL CLEANING


IHAGARARIWE NA

AMAZINA: NZANZINTWARI JEAN Baptiste

UHAGARARIYE KOPERATIVE

AMAZINA .KARASIRA Innocent

president wa KUGA



ITALIKI BIKOREWEHO

UMUKONO:

NZANZINTWARI Jean Baptiste
WELLIDING GENERAL CLEANING
KOPERATIFU RWAMAGANA
0786177752 / 0726984935

ITARIKI BIKOREWEHO

UMUKONO:

16/06/2017

